| | |
|---|---|
| PROJET DE DECRET-LOI DU.................... PORTANT REVISION DE LA LOI DU I2 MAI I964 RELATIVE A LA CREATION ET A L'ORGANISATION DE L'UNIVERSITE NATIONALE DU RWANDA | UMUSHINGA W'ITEGEKO-TEKA RYO KU WA......... LYEREKEYE ISUBIRWAHO LY'ITEGEKO RYO KU WA I2 GICURASI I964 LISHINGA KANDI LISOBANURA IMIYOBORERWE YA UNIVERSITE NASIYONALI Y'U RWANDA. |
| Nous, HABYARIMANA Juvénal<br>Président de la République, | Twebwe, HABYARIMANA Juvenali,<br>Prezida wa Repubulika, |
| - Vu la proclamation du Haut Commandement de l'Armée Rwandaise, spécialement en son paragraphe 5, 4°; | - Tumaze kubona itangazo lyo ku wa gatanu Nyakanga 1973 lyatanzwe n'abategetsi bakuru b'ingabo z'u Rwanda cyane cyane mu gika cyalyo cya 5, 4°; |
| - Vu la Loi du 27 août 1966 sur l'Education Nationale, spécialement en ses articles 86 et 88; | - Tumaze kubona Itegekolyo ku wa 27 Kanama 1966 ligenga uburezi bw'igihugu muli Repubulika y'u Rwanda cyane cyane mu ngingo zalyo za 86 na 88; |
| - Revu la Loi du 12 mai 1964 portant création et organisation de l'Université Nationale du Rwanda; | - Twongeye kubona Itegeko lyo ku wa 12 Gicurasi 1964 lishinga kandi lisobanura imiyoborerwe ya Universite Nasiyonali y'u Rwanda; |
| - Sur proposition de Notre Ministre de l'Education Nationale et après avis du Conseil du Gouvernement en sa séance du... | - Tubisabwe na Ministre Wacu w'Uburezi bw'Igihugu, kandi tumaze kwumva icyo inama ya Leta ibivugaho, mu nama yayo yo ku wa... |
| AVONS DECRETE ET DECRETONS | TWACIYE ITEKA KANDI DUCIYE ITEKA |
| <u>Titre premier</u> | <u>Interuro ya mbere</u> |
| <u>GENERALITES</u> | <u>INGINGO RUSANGE</u> |
| <u>Article premier.</u> | <u>INGINGO YA MBERE</u>. |
| Il est créé un établissement public doté de la personnalité juridique dénommé l'Université Nationale du Rwanda, ci-après "l'Université", ayant pour objet l'enseignement universitaire, la recherche scientifique et tout ce qui peut directement ou indirectement les favoriser. | Hashyizweho ikigo gishingiye kuli Leta gifite ubwihagaralire cyitwa Universite Nasiyonali tuli bwite "Universite", irangamiye inyigisho za Universite, ubucukumbuzi, n'ikindi cyose gishobora kuba cyateza imbere izo nyigisho. |
| <u>Article 2.</u> | <u>INGINGO YA 2.</u> |
| L'Université a son siège à Butare. Elle comprend des Facultés et éventuellement des Ecoles, des Instituts et des Centres interfacultaires situés soit au siège, soit en d'autres lieux du territoire de la République. Les facultés, Ecoles, Instituts et Centres interfacultaires peuvent être détachés du siège par décision de l'Etat, sur proposition du Conseil Universitaire. Ils restent soumis aux autorités de l'Université. | Inteko ya Universite ili i Butare. Universite ifite amashami, ikaba yagira n'Amashuli, Instititi, n'Inteko zihuliweho n'Amashami ya Universite. Ayo mashami n'ayo mashuli bishobora kuba mu nteko ya Universite cyangwa mu zindi ntara za Repubulika. Leta ibisabwe n'inama ya Universite, ni yo ifata icyemezo cyo gukura mu nteko ya Universite, amashami, amashuli, instititi, n'inteko zihuliweho n'amashami. Aliko byose bigakomeza kugengwa n'ubuyobozi bwa Universite. |

| Article 3. | INGINGO YA 3. |
|---|---|
| L'Université est Nationale. Elle vise la promotion intellectuelle, culturelle, scientifique et humaine du peuple du Rwanda, au service duquel elle se consacre principalement. Elle n'est pas confessionnelle. Elle admet sans distinction de race, de nationalité, de couleur, de religion, de sexe, d'origine sociale, de langue, d'opinions philosophiques ou politiques, toute personne remplissant les conditions d'admission. | Iyo Universite ni iy'igihugu. Irangamiye amajyambere y'inyungurabwenge, n'ubuhanga, n'ubumenyi, n'imizamukire y'abaturarwanda yiyemeje gukorera mbere na mbere. Nta bwo ishingiye ku madini. Yakira umuntu wese wujuje ibyangombwa ititaye ku bwoko, ibara ly'umubili, idini, igitsina, inkomoko, urulimi, ibitekerezo na politiki. |
| **Article 4.** | **Ingingo ya 4.** |
| L'Université jouit de la liberté académique: Elle a notamment le droit de : | Universite ifite uburenganzira ku nyigisho- Ifite n'ububasha bwo : |
| a) fixer les conditions d'admission des étudiants, | a) kwemeza uko abanyeshuli bemererwa, |
| b) promulguer des règlements, | b) gushyiraho amabwiliza, |
| c) recruter les membres de son personnel | c) gushaka abakozi bayo, |
| d) déterminer les programmes académiques, l'intitulé des cours et l'organisation de la recherche, dans le cadre de sa mission, | d) Kuboneza mu byo ishinzwe programu za Universite, amoko y'ibyigwa, no gutunganya ubucukumbuzi, |
| e) publier des documents, revues, ouvrages, livres, | e) Gutangaza ibyanditswe nk'amagazeti, ibitabo n'ibindi, |
| f) conférer des diplômes scientifiques des diplômes honorifiques et des grades légaux, conformément aux dispositions législatives et réglementaires sur la collation des grades académiques et le programme des examens universitaires; | f) Gutanga dipolomu z'ubuhanga, iz'icyubahiro, n'intera zemewe n'amategeko, bakulikije amategeko n'amabwiliza yerekeye itanga ly'intera na programu z'ibizami bya Universite, |
| g) créer des facultés, centres, instituts et écoles, | g) Gushyiraho amashami ya universite, inteko, institi n'amashuli, |
| Titre II<br>DES ORGANES ET AUTORITES DE L'UNIVERSITE<br>Chapitre premier<br>Des Organes de l'Université. | INTERURO YA KABILI<br>INZEGO ZA UNIVERSITE N'ABATEGETSI BAYO<br>Umutwe wa mbere<br>Inzego za Universite |
| Article 5 | Ingingo ya 5 |
| Les organes de l'Université sont : | Inzego za Universite ni izi : |
| Le Conseil Universitaire, le Sénat, Académique et le Conseil de Faculté. | Inama ya Universite, Inama y'Abigisha, n'Inama ya buli shami lya Universite. |

..../....

| | |
|---|---|
| <u>Section I</u> | <u>Igice cya mbere</u> |
| <u>DU CONSEIL UNIVERSITAIRE</u> | <u>INAMA YA UNIVERSITE</u> |
| <u>Article 6.</u> | <u>Ingingo ya 6.</u> |
| Sont membres du Conseil Universitaire : | Abagize inama ya Universite ni aba : |
| a) le Président de la République ou son représentant, | a) Prezida wa Repubulika cyangwa umuhagaraliye, |
| b) le Ministre ayant l'Enseignement Supérieur dans ses attributions, Président, | b) Ministre ushinzwe amashuli makuru ali we Prezida, |
| c) le Recteur de l'Université, Rapporteur, | c) Umuyobozi wa Universite, umusiganuzi, |
| d) Un responsable chargé au Ministère des questions de l'enseignement supérieur | d) Ushinzwe amashuli makuru muli Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu, |
| e) le Vice-Recteur, | e) Usimbura umukuru wa Universite, |
| f) le Secrétaire Général, Secrétaire d'office du Conseil; | f) Umunyamabanga mukuru, akaba ali na we munyabanga w'Inama; |
| g) l'Administrateur-Trésorier, | g) Umugengamali, |
| h) les Doyens de facultés; | h) Abayobozi b'amashami ya Universite, |
| i) les Directeurs des Ecoles ou Instituts Universitaires; | i) Abayobozi b'amashuli cyangwa ba za Instititi za Universite |
| j) deux représentants des étudiants | j) Babili mu banyeshuli bo muli Universite, |
| k) un représentant du personnel non académique. | k) uhagaraliye abakozi , batigisha. |
| <u>Article 7.</u> | <u>Ingingo ya 7.</u> |
| Le Conseil Universitaire constitue l'organe suprême de l'Université dans son ensemble et dans chacune de ses facultés, écoles ou instituts, tant sur le plan académique qu'administratif. Il dispose des pouvoirs nécessaires à la réalisation des fins poursuivies par l'Université. | Inama ya Universite ni rwo rwego rukuru rwa Universite yose n'urwa buli shami n'urwa buli shuli, n'urwa buli instititi ali mu nyigisho, ali no mu buyobozi. Ifite ububasha ngombwa bwo kugeza Universite ku ntego zayo. |
| <u>Article 8.</u> | <u>Ingingo ya 8.</u> |
| Sans restreindre la généralité de l'article 7 et sans préjudice aux dispositions des autres articles attribuant certains pouvoirs à d'autres organes et autorités de l'Université, le Conseil exerce les attributions suivantes: | Bitazitiye ibivugwa mu ngingo ya kalindwi kandi nta cyo byiciye ibyo izindi ngingo zigenera izindi nzego, Inama nkuru ya Universite ifite ububasha bukulikira : |
| a) il administre le patrimoine de l'Université, | a) kugenga umutungo wa Universite, |
| b) il décide, le Sénat académique entendu, de la création des facultés, écoles, instituts et centres interfacultaires, | b) guhamya ishyirwaho ly'amashami, amashuli, instititi n'inteko zihuza amashami, imaze kwumva icyo inama y'abigisha ibivugaho, |
| c) il arrête le règlement intérieur de l'Université, | c) gushyiraho amabwiliza agenga Universite, |
| d) il arrête le budget de l'Université proposé par le Recteur et contrôle la gestion financière, | d) kwemeza ingengo ya Universite yateguwe n'umukuru wayo no kugenzura imikoresherezwe y'imali, |
| e) il engage le personnel enseignant, scientifique et administratif de la catégorie de direction, | e) gushyiraho abigisha, abacukumbuzi n'abayobozi bo mu rwego rwa mbere |

.../...

| | |
|---|---|
| f) il est maître d'oeuvre en ce qui concerne toutes les constructions, les transformations, les aménagements et l'entretien des immeubles de l'Université et, à ce titre, désigne les architectes, approuve les plans et procède aux adjudications; | f) kugenga imilimo mu by'ubwubatsi byose, ali uguhinduranya amazu ya Universite, kuyatunganya no kuyafata neza, kubera ibyo igashyiraho abadaraza, ikemera pula, ikanayihitiramo abubatsi; |
| g) il reçoit les dons, dotations, crédits et subventions destinés à l'Université et provenant de pays étrangers, d'organismes internationaux, d'institutions privées ou de particuliers; | g) kwakira impano, imisanzu, imyenda n'imfashanyo zigenewe Universite biturutse mu mahanga, mu milyango mpuzamahanga, mu milyango nyamwigendaho cyangwa mu macuti, |
| h) il veille généralement au maintien et au respect des droits et prérogatives de l'Université, | h) Igihe cyose iharanira gukomeza no kwubahiliza uruhare rwa Universite |
| i) il peut déléguer certains de ses pouvoirs au Recteur ou à une autre autorité de son choix. | i) kwemerera umuyobozi wa Universite cyangwa undi mutegetsi yihitiyemo kuyihagaralira mu bikorwa bimwe na bimwe. |
| <u>Article 9.</u> | <u>Ingingo ya 9.</u> |
| La procédure suivie par le Conseil Universitaire est la suivante: | Imikorere y'Inama ya Universite iteye itya: |
| a) Le Conseil Universitaire tient ses réunions au siège de l'Université. Il se réunit au moins quatre fois par an et chaque fois que nécessaire. Toutefois, il peut exceptionnellement se réunir en un autre lieu du Rwanda, s'il le juge à propos; | a) Inama ya Universite iteranira mu nteko yayo. Iterana nibura kane mu mwaka n'igihe cyose ali ngombwa. Aliko kandi ishobora guteranira n'ahandi mu Rwanda, iyo isanze ali byo bikwiye; |
| b) Le Conseil peut inviter toute personne à assister sans droit de vote à ses réunions et appeler en consultation, sur des questions spéciales, des personnes particulièrement qualifiées en la matière, | b) Inama ishobora gutumira umuntu wese kuza mu nama zayo, aliko ntatora, ishobora no kugisha inama ababizobereyemo ku bibazo bigoranye. |
| c) Le Conseil est convoqué par son président: Sur demande de huit membres, le président est tenu de le convoquer en session spéciale au jour indiqué. La demande doit parvenir au Président au moins sept jours avant la réunion et en indiquer l'ordre du jour; | c) Inama ihamagarwa n'umuyobozi wayo. Iyo umunani mubayigize babisabye umuyobozi wayo agomba guhamagara inama mu gihe kidasanzwe ku munsi agennye Ababisaba bagomba kubigeza ku muyobozi w'inama hasigaye nibura iminsi ilindwi ngo ireme, kandi bakerekana ibyo bagomba gusuzuma; |
| d) Le Conseil ne peut valablement délibérer que si les 3/4 au moins de ses membres sont présents ou représentés moyennant procuration écrite donnée à un autre membre. Nul ne peut être porteur de plus d'une procuration. | d) Kugira ngo ibyo inama ivuga bigire agaciro, igomba kuba iteraniwemo nibura na bitatu bya kane by'abayigize cyangwa ababahagaraliye babifitiye icyemezo cyanditse, Buli muntu azana icyemezo kimwe gusa. |

.../...

| | |
|---|---|
| e) Toutes les décisions sont prises à la majorité absolue des membres présents ou représentés. En cas de partage égal des voix, celle du président est prépondérante. | e) Ibyemezo by'inama byose bigaragazwa n'ubwiganze buhanitse bw'abayiteraniyemo Iyo umubare w'abameza ingingo n'abayihakana ungana, ijwi ly'umuyobozi w'Inama ni lyo likemura impaka. |
| <u>Section II</u> | <u>Igice cya kabili</u> |
| <u>DU SENAT ACADEMIQUE</u> | <u>INAMA Y'ABIGISHA</u> |
| <u>Article 10.</u> | <u>Ingingo ya 10.</u> |
| Le Sénat Académique est un organe consultatif. En sont membres : | Inama y'abigisha ni urwego rugishwa inama. Abagize iyo nama ni aba : |
| a) le Recteur, Président; | a) Umuyobozi wa Universite, ali we Prezida; |
| b) le Vice-Recteur; | b) Umusimbura w'umuyobozi wa Universite; |
| c) le Secrétaire Général; | c) Umunyamabanga mukuru; |
| d) les Doyens de Facultés; | d) Abayobozi b'amashami; |
| e) les Directeurs des Ecoles, Instituts et Centres interfacultaires; | e) Abayobozi b'amashuli na institi n'inteko zihuliweho n'amashami, |
| f) les Professeurs ordinaires ou titulaires; | f) Abalimu basanzwe cyangwa ba kabuhaliwe, |
| g) deux représentants choisis parmi les autres enseignants de chaque faculté école, institut ou Centre interfacultaire. | g) Abantu babili batorewe guhagaralira abandi bigisha muli buli shami, buli shuli, buli institi na buli nteko ihuza amashami. |
| Ils sont élus chaque année parmi les enseignants non membres de droit de chaque faculté, école, institut ou centre interfacultaire et sont rééligibles; | Batorwa buli mwaka mu bigisha batabifitiye uburenganzira, muli buli shami, buli shuli, buli institi, buli nteko ihurerweho n'amashami, kandi bashobora kwongera gutorwa; |
| h) un représentant des étudiants par faculté, école, institut ou centre interfacultaire. | h) Umunyeshuli umwe umwe muli buli shami, buli shuli, buli institi cyangwa buli nteko ihuliweho n'amashami. |
| <u>Article 11.</u> | <u>Ingingo ya 11.</u> |
| Le Sénat académique exerce les attributions suivantes: | Inama y'Abigisha ifite ububasha bukulikira: |
| a) Il favorise la coordination de l'enseignement universitaire; | a) Guteza imbere isugana ly'inyigisho zo muli Universite, |
| b) Il délibère sur la création de facultés, écoles, instituts ou centres interfacultaires; | b) Gusuzuma ishyirwaho ly'amashami, ly'amashuli, lya institi n'inteko zihuliweho n'amashami; |
| c) Il émet des recommandations au Conseil Universitaire en matière de de libertés académiques; | c) Gushyikiliza inama ya Universite inshingano mu byerekeye uburenganzira mu nyigisho, |
| d) Il propose au Conseil Universitaire les candidats aux titres honorifiques: | d) Kwereka inama ya Universite abo ibona bakwiye dipolomu z'icyubahiro. |

..../....

Article 12.

a) Le Sénat Académique est présidé par le Recteur et, en cas d'absence ou d'empêchement, par le Vice-Recteur;

b) Il tient ses réunions au siège de l'Université et élit en son sein, au début de chaque année, un secrétaire;

c) Il se réunit une fois par trimestre et chaque fois que l'exigent les affaires comprises dans ses attributions;

d) Il est convoqué par le Recteur et, en cas d'absence ou d'empêchement, par le Vice-Recteur. Sur la demande d'un cinquième des membres du Sénat Académique, le Recteur est tenu de le convoquer au jour indiqué. La demande doit parvenir au Recteur sept jours au moins avant la date de la réunion et en indiquer l'objet.

Ingingo ya 12

a) Inama y'abigisha iyoborwa n'umuyobozi wa Universite cyangwa n'umusimbura iyo we adahali;

b) Ikorera inama zayo mu nteko ya Universite kandi mu ntangiliro ya buli mwaka ikitoramo umwanditsi;

c) Inama yayo iba limwe mu gihembwe n'igihe cyose ali ngombwa kugira ngo ibyo ishinzwe bitungane;

d) Ihamagarwa n'umuyobozi wa Universite cyangwa n'umusimbura iyo we adahali, iyo kimwe cya gatanu cy'inama y'Abigisha kibisabye, Umuyobozi wayo agomba kuyihamagara ku munsi agennye. Ababisaba bagomba kubigeza ku muyobozi w'inama hasigaye nibura iminsi ilindwi ngo ireme, kandi bakerekana ibyo bagomba gusuzuma.

## Section III

## DES CONSEILS DE FACULTES

## Igice cya gatatu

## INAMA Z'AMASHAMI

Article 13.

Le Conseil de faculté groupe, sous la présidence du Doyen, , le Vice-Doyen, le Secrétaire de Faculté, les membres du personnel enseignant de la faculté et un rerpésentant des étudiants de la faculté par promotion. Il est présidé par le Doyen de faculté ou, en cas d'absence ou d'empêchement, par le Vice-Doyen.

Ingingo ya 13.

Inama y'ishami ihuza usimbura umuyobozi w'ishami, umunyamabanga walyo abaryigishamo, umunyeshuli umwe umwe uhagaraliye buli cyiciro cy'ishami, ikayoborwa n'umuyobozi w'ishami yaba adahali ikayoborwa n'umusimbura we.

Article 14.

Le Conseil de faculté exerce les attributions suivantes:

a) approuver les prévisions budgétaires élaborées par le Doyen de Faculté;

b) disposer des crédits alloués par le Conseil Universitaire et lui rend compte de leur emploi, en liaison avec l'Administrateur-Trésorier;

c) élaborer et proposer au Sénat Académique le programme d'études de la Faculté;

d) nommer le président, le Secrétaire et les membres des commissions de contrôle des examens;

Ingingo ya 14.

Inama y'ishami ifite ububasha bukulikira :

a) kwemeza ingengo yateganijwe n'umukuru w'ishami;

b) gukoresha amafaranga inama ya Universite yayigeneye, no kuyereka imikoresherezwe yayo ifatanije n'umugengamali;

c) gutegura no kwereka inama y'abigisha programu y'inyigisho z'ishami;

d) gushyiraho umuyobozi, umukarani, n'abagize utunama tw'isuzuma ly'ibizami;

| | |
|---|---|
| e) déterminer les modalités, les matières et les dates des examens, en liaison avec le Secrétaire Général; | e) gufatanya n'umunyamabanga mukuru kwemera ibibazwa, amataliki bizabalizwaho n'ubulyo bizabazwa; |
| f) proposer au Conseil Universitaire les nominations et promotions du personnel enseignant et scientifique; | f) kwereka inama ya Universite amazina - n'ibyiciro by'abigisha n'abacukumbuzi, |
| g) proposer au Conseil Universitaire à l'égard des professeurs, les sanctions prévues par leur statut. | g) kwereka inama ya Universite amategeko yateganijwe agenga abalimu. |
| Chapitre II. | Umutwe wa kabili |
| DES AUTORITES DE L'UNIVERSITE | ABATEGETSI BA UNIVERSITE |
| Article 15. | Ingingo ya 15. |
| Les autorités de l'Université sont : | Abategetsi ba Universite ni aba: |
| a) Le Président de la République Président d'Honneur; | a) Prezida wa Repubulika, ali we Prezida w'icyubahiro; |
| b) Le Ministre ayant l'Enseignement Supérieur dans ses attributions; | b) Ministre ushinzwe amashuli makuru; |
| c) Le Recteur; | c) Umuyobozi wa Universite; |
| d) Le Vice-Recteur; | d) Umusimbura w'Umuyobozi wa Universite; |
| e) Le Secrétaire Général; | e) Umunyamabanga mukuru; |
| f) L'Administrateur-Trésorier; | f) Umugengamali; |
| g) Les Doyens de Facultés; | g) Abayobozi b'amashami; |
| h) Les Vice -Doyens; | h) Abasimbura b'abayobozi b'amashami; |
| i) Les Secrétaires de Facultés. | i) Abanyamabanga b'amashami. |
| Section I. | Igice cya I. |
| DU PRESIDENT D'HONNEUR | PREZIDA W'ICYUBAHIRO |
| Article 16. | Ingingo ya 16. |
| Le Président de la République est Président d'Honneur de l'Université. Il préside les cérémonies universitaires lorsqu'il est présent. Il peut autoriser sur proposition du Conseil Universitaire les anciens Recteurs et Vice-Recteurs à porter le titre honorifique de leurs fonctions. | Prezida wa Repubulika ni we Prezida w'icyubahiro wa Universite. Yubahiliza iminsi mikuru ya Universite, iyo ahali. Ashobora guha abahoze ali abayobozi ba Universite n'abasimbura babo uburenganzira bwo gukomeza kwitwa izina ly'icyubahiro cy'imilimo bahozeho, abisabwe n'inama ya Universite. |
| Section II. | Igice cya kabili |
| DU MINISTRE AYANT L'ENSEIGNEMENT SUPERIEUR DANS SES ATTRIBUTIONS. | MINISTRE USHINZWE AMASHULI MAKURU |
| Article 17 | Ingingo ya 17. |
| Le Ministre ayant l'Enseignement supérieur dans ses attributions préside le Conseil Universitaire. En cas d'absence ou d'empêchement, la présidence du Conseil est assurée par le Recteur. | Ministri ushinzwe amashuli makuru ayobora inama ya Universite, yaba adahali ikayoborwa n'umuyobozi wa Universite. |

.../...

Article 18.

Le Ministre ayant l'Enseignement Supérieur dans ses attributions rend compte au Président de la République de la marche de l'Université, arrête l'ordre du jour du Conseil Universitaire élaboré par le Recteur et transmet les rapports annuels ou circonstanciels. Il est responsable des relations extérieures de l'Université, mais peut au besoin déléguer cette fonction au Recteur ou à une autre personne de son choix.

Ingingo ya 18.

Ministri ushinzwe amashuli makuru ashyikiliza Prezida wa Republika imigendekere ya Universite, yemeza ibigomba kwigwa byateguwe n'umuyobozi wa Universite, agatanga raporo za buli mwaka n'iz'inzaduka. Ashinzwe umubano wa Universite n'amahanga, aliko iyo ali ngombwa, ashobora kwemerera umuyobozi wa Universite cyangwa undi muntu yihitiyemo kubimusimburamo.

Section III

DU RECTEUR

Igice cya III

UMUYOBOZI WA UNIVERSITE

Article 19.

Le Recteur est nommé par le Président de la République, sur proposition du Ministre ayant l'Enseignement Supérieur dans ses attributions, et après avis du Conseil Universitaire. Son mandat est de cinq ans, renouvelable pour une même durée, mais un intervalle de cinq années est requis pour qu'un troisième mandat puisse être accordé. La destitution du Recteur ne peut être prononcée que par le Président de la République, sur proposition du Gouvernement ou du Conseil Universitaire. En cas de cessation d'activité du Recteur, l'intérim pour les affaires courantes est assuré par le Vice-Recteur.

Ingingo ya 19.

Umuyobozi wa Universite ashyirwaho na Prezida wa Repubulika, abisabwe na Ministri ushinzwe amashuli makuru, amaze kwumva icyo inama ya Universite ibitekerezaho. Amara ku buyobozi igihe cy'imyaka itanu, gishobora kwongezwa, aliko kugira ngo asubizweho ubwa gatatu hagomba kubanza guhitaho indi myaka itanu. Umuyobozi wa Universite akurwaho na Prezida wa Repubulika ubwe, abisabwe n'inama ya ba Ministri cyangwa iya Universite. Iyo aretse imilimo y'ubuyobozi , umusimbura we ni we musigili utunganya imilimo isanzwe.

Article 20.

Le Recteur exerce les fonctions suivantes:

a) Il assure le fonctionnement général de l'Université, tant sur le plan académique qu'administratif, et en répond devant le Conseil Universitaire,

b) Il siège au Sénat Académique et au Conseil Universitaire dont il est rapporteur

c) Il est chargé de l'exécution des décisions du Conseil Universitaire et du Sénat Académique,

d) En cas d'urgence, il prend de sa seule autorité toutes les mesures immédiatement nécessaires relevant normalement de la compétence du Conseil Universitaire. Il en avise les membres dans les plus brefs délais, et leur en fait rapport lors de la prochaine réunion ordinaire ou spéciale; le Conseil doit alors entériner ou annuler ces décisions,

Ingingo ya 20.

Umuyobozi wa Universite akora iyi milimo ikulikira :

a) Ashinzwe imigendekere rusange ya Universite, ali iyerekeye inyigisho ali n'iyerekeye ubuyobozi kandi akabibazwa n'inama ya Universite,

b) Ajya mu nama y'abigisha abereye umusiganuzi,

c) Ashinzwe kurangiza ibyemezo by'inama ya Universite n'iby'abigisha,

d) Iyo hali ibibazo byihutirwa byali bisanzwe bigenewe gukemurwa n'inama ya Universite, abishakira wenyine igisubizo ngombwa cy'ako kanya, akihutira kubimenyesha abagize inama, akazanabibahera raporo mu nama y'ubutaha isanzwe cyangwa idasanzwe, ikabyemera cyangwa ikabyanga,

../..

e) Il exerce le pouvoir de police et de discipline au sein de l'Université, tel que défini par le Règlement Intérieur édicté par le Conseil Universitaire;

f) Il est qualifié, sous le couvert du Conseil Universitaire, pour représenter civilement l'Université et agir en son nom, tant en demande qu'en défense.
A ces fins, le Recteur peut proposer au Conseil Universitaire la nomination d'un Conseiller juridique de l'Université.

Section IV.

DU VICE-RECTEUR

Article 21

Le Vice-Recteur est nommé selon la procédure prévue au premier alinéa de l'article 19. Son mandat est de quatre ans, renouvelable pour un second terme de même durée. Toutefois, un intervalle de quatre ans doit s'écouler avant qu'un troisième mandat puisse être accordé. Il ne peut être destitué de ses fonctions que par décision du Président de la République, sur proposition du Ministre ayant l'Enseignement Supérieur dans ses attributions, et après avis du Conseil Universitaire.

Article 22.

Le Vice-Recteur assiste le Recteur dans ses fonctions et le remplace en cas d'absence ou d'empêchement. En cas d'absence ou d'empêchement du Recteur et du Vice-Recteur: ce dernier est remplacé par le Secrétaire Général ou, à défaut, par le Doyen le plus ancien dans ses fonctions ou par le Doyen le plus âgé en cas d'égalité d'ancienneté entre deux ou plusieurs doyens.

Section V.

DU SECRETAIRE GENERAL

Article 23.

Le Secrétaire Général est nommé selon la procédure prévue au premier alinéa de l'article 19.

Son mandat est de six ans, renouvelable.

Il ne peut être destitué de ses fonctions que par décision du Président de la République, sur proposition du Ministre ayant l'Enseignement Supérieur dans ses attributions, et après avis du Conseil Universitaire.

e) Akoresha ububasha bugarurura ituze n'ubwo guhana uko byateganijwe n'amabwiliza yashyizweho n'inama nkuru ya Universite;

f) Afite ububasha bwo guhagaralira Universite no kuyivuganira ali mu birego ali no mu bwiregure, ashyigikiwe n'inama ya Universite. Kugira ngo ibyo bigerweho neza, umuyobozi wa Universite, ashobora gusaba inama ya Universite guha Universite impuguke mu by'amategeko.

Igice cya IV.

USIMBURA UMUYOBOZI WA UNIVERSITE

Ingingo ya 21.

Usimbura umuyobozi wa Universite ashyirwaho ku bulyo bwateganijwe mu gika cya mbere cy'ingingo ya cumi n'icyenda. Amara ku buyobozi igihe cy'imyaka ine, gishobora kwongezwa, aliko kugira ngo asubizweho abwa gatatu hagomba kubanza guhitaho indi myaka ine. Usimbura umuyobozi wa Universite akurwaho na Prezida wa Repubulika ubwe, abisabwe na Ministri ushinzwe amashuli makuru, aliko amaze kwumva icyo inama ya Universite ibivugaho.

Ingingo ya 22.

Umusimbura w'Umuyobozi wa Université amufasha mu milimo ashinzwe akamusimbura igihe adahali. Iyo umuyobozi wa Universite n'umusimbura we badahali, uwo musimbura asigalirwaho n'umunyamabanga mukuru nawe atahaba agasimburwa n'umukuru ku kazi wo mu bayobozi b'amashami, haba hali abanganya imyaka, umusimbura akaba umukuru mu mavuko.

Igice cya V.

UMUNYAMABANGA MUKURU

Ingingo ya 23.

Umunyamabanga mukuru ashyirwaho ku bulyo bwateganijwe mu gika cya mbere cy'ingingo ya 19.

Amara ku buyobozi igihe cy'imyaka itandatu, gishobora kwongerwa.

Umunyamabanga mukuru akurwaho na Prezida wa Repubulika ubwe, abisabwe na Ministri ushinzwe amashuli makuru, aliko amaze kwumva icyo inama ya Universite ibivugaho.

../..

| | |
|---|---|
| Article 24. | Ingingo ya 24. |
| Le Secrétaire Général exerce les attributions suivantes: | Umunyamabanga mukuru akora iyi milimo ikulikira : |
| a) Il établit, avec l'approbation du du Recteur, le Calendrier Général de l'Université; | a) Gutegura imbonerahamwe y'ibizakorwa muli Universite amaze kubona icyemezo cy'Umuyobozi wa Universite; |
| b) Il inscrit les étudiants au rôle et aux examens, selon les règlements propres aux diverses facultés; | b) Kwemerera abanyehsuli kwiga no gukora ibizami, akulikije amabwiliza agenga buli shami; |
| c) Il surveille l'exécution des programmes académiques; | c) Kwita kw'irangiza lya programu z'inyigisho; |
| d) Il reçoit les rapports des Conseils de Facultés; | d) Kwakira raporo z'amashami; |
| e) Il recueille les procès-verbaux des Conseils de Facultés et les coordonne pour les soumettre au Conseil Universitaire, lorsque celui-ci doit en débattre; | e) Kwakira inyandikomvugo z'inama z'amashami no kuziboneza kugira ngo azishyikilize inama ya Universite, iyo igomba kuziga; |
| f) Il est d'office Secrétaire du Conseil Universitaire dont il conserve les archives, les décisions et documents; | f) Kuba umwanditsi ngombwa w'Inama ya Universite no gushyingura inyandiko n'ibyemezo byayo; |
| g) Il veille à la tenue des registres officiels et des archives de l'Université; | g) Kwita kuli registri n'inyandiko za Universite; |
| h) Il a la garde du sceau de l'Université. | h) Kubika icyapa cya Universite. |
| Section VI. | Igice cya VI. |
| DE L'ADMINISTRATEUR-TRESORIER | UMUGENGAMALI |
| Article 25. | Ingingo ya 25. |
| L'Administrateur-Trésorier est nommé selon la procédure prévue au premier alinéa de l'article 19. | Umugengamali ashyirwaho ku bulyo bwateganijwe mu gika cya mbere cy'ingingo ya 19. |
| Son mandat est de trois ans, renouvelable. La procédure de destitution est celle prévue au 3ème alinéa de l'article 23. | Amara ku buyobozi igihe cy'imyaka itatu , gishobora kwongerwa. Akurwaho ku bulyo bwategenijwe mu gika cya 3 cy'ingingo ya 23. |
| Article 26. | Ingingo ya 26. |
| L'Administrateur-Trésorier est chargé, sous l'autorité du Recteur, de l'Administration effective de l'Université et de chacune de de ses facultés, écoles, instituts et centres interfacultaires, en conformité avec les dispositions du présent décret-loi relatives à la gestion financière de l'Université. | Umugengamali ashinzwe ubuyobozi bwa Universite, n'ubwa buli shami lyayo, n'ubw'amashuli, n'ubwa za instititi, n'ubw'inteko zihuliweho n'amashami, ashingiye ku mabwiliza y'Umuyobozi wa Universite kandi akulikije ingingo z'ili tegeko-teka zerekeye icunga ly'imali ya Universite. |

| | |
|---|---|
| Article 27. | Ingingo ya 27. |
| Sans restreindre la généralité des dispositions de l'article précédent, l'Administrateur-Trésorier exerce les attributions suivantes: | Bitazitiye ibivugwa mu ngingo imaze kwuvugwa, umugengamali akora iyi milimo ikulikira : |
| a) Il élabore et soumet au Recteur les propositions budgétaires concernant l'Université; | a) Gutegura no gushyikiliza umuyobozi wa Universite ingengo iteganilijwe Universite; |
| b) Il dispose, avec l'approbation préalable du Recteur, dans les limites et conditions fixées par le Conseil Universitaire, des crédits affectés à l'Université; | b) Kugenga imali yagenewe Universite atarenza ingeno zateganijwe n'inama ya Universite; |
| c) Il exerce, avec l'approbation préalable du Recteur, les droits et devoirs du propriétaire et du locataire en ce qui concerne les immeubles affectés à l'Université; | c) Kubyerekeye ibitimukanwa bya Universite, umugengamali ni we ubigenga iyo umuyobozi wa Universite abyemeye, agakoresha ububasha nyil'ikintu cyangwa uwagikodesheje aba afite. |
| d) Il prend toutes les mesures imposées par l'urgence pour garantir les intérêts matériels de l'Université. Il en fait rapport au Recteur. | d) Iyo byihutirwa afata ibyemezo ngombwa bituma umutungo wa Universite udahugana, agaha raporo umuyobozi wa Universite. |
| Section VII. | Igice cya VII |
| DU DOYEN DE FACULTE | UMUYOBOZI W'ISHAMI |
| Article 28. | Ingingo ya 28. |
| Le Doyen de Faculté est nommé par le Conseil Universitaire, sur proposition du Conseil de Faculté, pour un mandat de trois ans renouvelable pour une même durée. Toutefois, un intervalle de trois ans doit s'écouler avant qu'un troisième mandat puisse être accordé. Il peut être destitué de ses fonctions par le Conseil Universitaire; sur proposition du Conseil de Faculté à la majorité des 2/3 de ses membres. | Umuyobozi w'ishami lya Universite ashyirwaho n'inama ya Universite, ibisabwe n'inama l'ilyo shami, amara ku buyobozi igihe cy'imyaka itatu gishobora kwongezwa. Aliko kugira ngo asubizweho ubwa gatatu hagomba kubanza guhitaho indi myaka itatu. Ashobora gukurwaho n'inama ya Universite ibisabwe na bibili bya gatatu by'abagize inama y'ishami. |
| Article 29. | Ingingo ya 29. |
| Le Doyen de chaque faculté est de droit membre du Conseil Universitaire. Il est responsable devant lui de la marche de sa faculté. Il doit en faire rapport chaque année. Il est d'office président du Conseil de faculté. | Buli muyobozi w'ishami ali mu bagize inama ya Universite. Ni we ibaza imigendekere y'ishami ayobora. Ategetswe kulikoraho raporo buli mwaka. Ni na we uyobora inama yalyo. |

## Section VIII

## DU VICE-DOYEN ET DU SECRETAIRE DE FACULTE.-

## Igice cya VIII.

## UMUSIMBURA W'UMUYOBOZI W'ISHAMI N'UMUNYAMABANGA WALYO.

### Article 30.

Le Vice-Doyen et le Secrétaire de chaque faculté sont nommés par le Doyen, sur proposition du Conseil de faculté, pour un mandant d'un an, renouvelable.
Ils assistent le Doyen dans la direction de la faculté.
Le Vice-Doyen remplace le Doyen, en cas d'absence ou d'empêchement de celui-ci.

### Ingingo ya 30.

Buli musimbura w'umuyobozi w'ishami n'umunyamabanga walyo bashyirwaho n'umuyobozi w'ilyo shami, abisabwe n'inama y'ishami bamara ku buyobozi igihe cy'umwaka gishobora kwongezwa. Bafasha umuyobozi w'ishami mu milimo ye. Umusimbura w'umuyobozi w'ishami amusigaliraho iyo adahali.

## Titre III.

## DU PERSONNEL ENSEIGNANT SCIENTIFIQUE ET ADMINISTRATIF.-

## Inteuro ya III.

## ABIGISHA, ABACUKUMBUZI N'ABAYOBOZI.

### Article 31.

Le personnel enseignant, scientifique et administratif de la catégorie de Direction est recruté et nommé par le Conseil Universitaire. L e présent décret garantit la liberté académique au personnel enseignant et scientifique.
Les membres du personnel doivent servir l'Université avec fidelité, dévouement, intégrité et dignité, dans l'accomplissement des fonctions qui leur sont confiées.
Ils ne doivent jamais perdre de vue le rôle éminement éducateur et scientifique de l'Université. Ils veilleront en particulier, dans leur vie professionnelle comme dans leur vie privée, à éviter toute activité incompatible avec les institutions du pays ou susceptible de porter préjudice au bon renom de l'Universite.

### Ingingo ya 31.

Abigisha, abacukumbuzi n'abo mu rw'ubuyobozi bashakwa kandi bagashyirwaho n'inama ya Universite. Ili tegeko-teka liha abigisha n'abacukumbuzi uburenganzira mu milimo yabo.
Mu milimo bashinzwe, abakozi ba Universite bagomba kuyikorera nta buhemu, bitanga binonosoye kandi babigirana umurava.
Ntibagomba kwibagirwa na gato ko umulimo wabo w'ingenzi muli Universite ali ukwita ku burezi no ku buhanga.
Haba ku kazi, haba mu myifatire yabo, bazitondera cyane cyane kutagira icyo bakora kinyuranije n'amategeko y'inshinga z'igihugu cyangwa icyashobora kugayisha Universite.

### Article 32.

Les membres du personnel enseignant, scientifique et administratif sont nommés par le Conseil Universitaire, sur proposition du Conseil de Faculté.
Le Conseil Universitaire peut déléguer le Recteur pour engager ce personnel.

### Ingingo ya 32.

Abigisha, abacukumbuzi n'abayobozi bashyirwaho n'inama ya Universite ibisabwe n'inama y'ishami. Inama ya Universite ishobora guha umuyobozi wayo ububasha bwo gushyiraho abo bakozi.

.../...

Article 33.

Le personnel de la catégorie de Direction de l'Université jouit des droits, avantages et prérogatives prévus par le Statut des Agents de l'Etat. Il est assimilé au personnel détaché de l'Administration Centrale.-

Ingingo ya 33.

Abakozi bo mu rwego rw'ubuyobozi bwa Universite bafite uburenganzira, n'inyungu n'uruhare byateganijwe n'amategeko agenga abakozi ba Leta. Bafatwa nk'abakozi ba Leta b'intizo.

Article 34.

Les droits et obligations réciproques de l'Université et de son personnel sont définis dans un statut particulier arrêté par le Conseil Université.

Ingingo ya 34.

Uburenganzira n'ibindi bibazwa ali Universite, ali n'abakozi byerekanwa n'amategeko y'umwihaliko yashyizweho n'inama ya Universite.

Titre IV.

DES ETUDIANTS.-

Interuro ya IV.

ABANYESHULI.-

Article 35.

L'Université Nationale du Rwanda est ouverte à toute personne satisfaisant aux conditions d'admission. Elle admet des étudiants réguliers, des étudiants libres et des auditeurs libres.

Ingingo ya 35.

Universite yakira buli wese wujuje ibya ngombwa by'ubwemererwe. Yemerera abanyeshuli bashinzwe gukulikira inyigisho zose ziteganijwe n'abakulikira inyigisho zimwe na zimwe, n'abaza kwihugura muli bimwe na bimwe.

Article 36.

Chaque étudiant prend annuellement une inscription au rôle de l'Université.

Ingingo ya 36.

Buli munyeshuli yiyandikisha muli Universite buli mwaka.

Article 37.

a/ Le montant du droit d'inscription au rôle et du droit d'inscription aux cours, les frais spéciaux exigés pour les leçons de manipulation et d'opération et les exercices d'application, ainsi que les droits d'examens sont fixés par le Conseil Universitaire, sur proposition du Recteur,

b/ Le produit de ces droits et frais est versé au patrimoine de l'Université,

c/ Le Recteur peut, sur proposition du Secrétaire Général, dispenser en tout ou en partie des droits et frais visés par le paragraphe a/ du présent article, dans des conditions déterminées par le Conseil Universitaire,

d/ Le Recteur peut aussi octroyer des bourses d'Université dans des conditions déterminées par le Conseil Universtaire.

Ingingo ya 37.

a/ Inama ya Universite, ibisabwe n'umuyobozi, wayo ni yo yemeza umubare w'amafaranga ali ukwayo agenewe inyigisho z'ubukoreshantoki, z'ububazi, z'imilimo y'imyitozo n'ayo kwiyandikisha mu bizami,

b/ Ibibyawe ni yo milimo n'ayo mafaranga bijya mu mutungo wa Universite,

c/ Umuyobozi wa Universite ashobora kugira uwo yemerera kutaliha cyangwa kuliha igice cy'amafaranga yateganijwe n'inama ya Universite abisabwe n'umunyamabanga mukuru.

d/ Umuyobozi wa Universite ashobora gutanga amafaranga y'ishuli ku bulyo bwateganijwe n'inama ya Universite.

../..

| Français | Kinyarwanda |
|---|---|
| Article 38. | Ingingo ya 38. |
| Par leur inscription au rôle et aux cours, les étudiants reconnaissent qu'ils font partie de l'Université et à ce titre, sont tenus de respecter les règlements édictés par l'Université. Ils sont tenus en toute occasion de respecter la personne, les biens les convictions et la liberté d'autrui; ils doivent observer strictement et en toutes circonstances les règles de la tenue et de la morale. | Iyo abanyeshuli biyandikishije muli Universite no mu nyigisho baba bemeye ko binjiye muli Universite, kandi ko bagomba gukulikiza amategeko yayo. Igihe cyose bagomba kubaha abantu, ibintu, ibitekerezo n'uburenganzira bw'abandi. Bagomba kwubaha rwose n'igihe cyose amategeko yo kwifata neza n'ay'imbonezamuco. |
| Article 39. | Ingingo ya 39. |
| a/ A défaut par un étudiant de respecter les règlements édictés par l'Université, les peines dont il sera passible sont :<br>1- l'admonition verbale;<br>2- l'admonition écrite, versée au dossier de l'étudiant et prescrivant un délai d'amendement;<br>3- l'exclusion temporaire;<br>4- l'exclusion définitive; | a/ Umunyeshuli urenze ku mabwiliza yashyizweho na Universite ahanishwa ibihano bikulikira :<br>1- Kwihanangilizwa;<br>2- Kwihanizwa mu nyandiko ishyirwa muli dosiye ye kandi imuha igihe agomba kwikosoramo;<br>3- Kwirukanwa igihe gito;<br>4- Kwirukanwa burundu; |
| b/ Les trois premières sanctions relèvent de la compétence du Recteur. L'exclusion définitive est prononcée par le Ministre ayant l'Enseignement Supérieur dans ses attributions, sur proposition du Recteur, | b/ Ibihano bitatu bya mbere bitangwa n'umuyobozi wa Universite. Kwirukana burundu bigirwa na Ministri ushinzwe amashuli makuru, abisabwe n'Umuyobozi wa Universite, |
| c/ Aucune des peines susmentionnées ne peut être prononcée si l'étudiant n'a pas été préalablement appelé et entendu; | c/ Nta na kimwe mu bihano bimaze kuvugwa, gishobora guhabwa umunyeshuli atabanje guhamagarwa ngo yiregure; |
| d/ Toutes les décisions en matière disciplinaire sont motivées et notifiées par écrit à l'étudiant. | d/ Ibyemezo by'ibihano bisobanulirwa abanyeshuli bakanabibamenyesha mu nyandiko. |
| Article 40. | Ingingo ya 40. |
| L'Université reconnaît à ses étudiants le droit de s'unir en une association générale des étudiants de l'Université Nationale du Rwanda. | Universite irekulira abanyeshuli uburenganzira bwo kwibumbira mu mulyango rusange w'abanyeshuli ba Universite y'u Rwanda. |
| Titre V. | Interuro ya V. |
| DU PATRIMOINE DE L'UNIVERSITE ET DE SA GESTION FINANCIERE. | UMUTUNGO WA UNIVERSITE N'IMIKORESHEREZE Y'AMAFARANGA YAYO. |
| Chapitre premier<br>Du Patrimoine de l'Université | Umutungo wa Universite. |
| Article 41. | Ingingo ya 41. |
| L'Université dispose pour remplir sa mission de ressources en biens mobiliers et immobiliers, acquis ou à acquérir, qui constituent son patrimoine propre. | Kugira ngo Universite irangize ubutumwa bwayo, ifite ibyimukanwa n'ibitimukanwa ali ibyo isanganywe n'ibyo izaronka bigize umutungo wayo bwite. |

.../...

Article 42.

La gestion du patrimoine de l'Université est soumise au contrôle de l'Etat.

Ingingo ya 42.

Leta igenzura umutungo wa Universite.

Article 43.

Le Recteur est habilité à demander des subventions et à chercher généralement à accroître les revenus de l'Université par des moyens légaux. L'acceptation provisoire des donations entre vifs faite par des autorités ou organes compétents de l'Université et notifiée par lettre recommandée aux donateurs, lie les parties, sous réserve de l'approbation ultérieure du Conseil Universitaire.

Ingingo ya 43.

Umuyobozi wa Universite ashobora gusaba imfashanyo no gushaka inyungu zazamura Universite abinyujije mu nzira zihuje n'amategeko abigenewe.
Iyo imisanzu itanzwe n'abakirho yemewe by'agateganyo cyangwa inzego za Universite zibifitiye ububasha kandi hakaba urwandiko rushinganwe rubimenyesha abayitanze, abayemeye n'abayitanze ntibashobora kwisubiraho kereka rero inama ya Universite iramutse itabyemeye.

Article 44.

L'Université peut effectuer des placements immobiliers en vue d'assurer la conservation de son patrimoine.

Ingingo ya 44.

Universite ishobora gukoresha ibitimukanwa kugira ngo irengere umutungo wayo.

Article 45.

L'Université ne peut aliéner aucun des immeubles dont l'Etat l'a dotée ou la dotera, lesquels ne peuvent être aliénés que par la Loi.
L'Université a toutefois le droit de disposer des meubles et immeubles faisant partie de son patrimoine et ne provenant pas d'une dotation de l'Etat.

Ingingo ya 45.

Universite nta na kimwe ishobora kurekura mu bitimukanwa yahawe cyangwa izahabwa na Leta, bene ibyo birekurwa n'itegeko gusa.
Icyakora Universite ifite uburenganzira bwo gukoresha uko ishaka ibyimukanwa n'ibitimukanwa bili mu mutungo wayo igihe bitali mu byatanzwe na Leta.

Article 46.

Tous actes juridiques engageant l'Université doivent porter la signature du Président du Conseil Universitaire, qui peut déléguer ce pouvoir au Recteur, et la signature de l'Administrateur-Trésorier ou de son représentant porteur d'une procuration écrite.

Ingingo ya 46.

Ibikorwa byose byahama Universite, bigomba kuba biliho umukono w'umuyobozi w'Inama ya Universite, ushobora guha ubwo bubasha umuyobozi wa Universite bikabaho n'umukono w'umugengamali cyangwa uw'intumwa ye ibifitiye icyemezo cyanditse.

## Chapitre II.
## DU BUDGET DE L'UNIVERSITE.

## Umutwe wa II.
## AMAFARANGA YA UNIVERSITE.

Article 47.

Chaque année, le Recteur, en accord avec l'Administrateur-Trésorier, transmet au Conseil Universitaire un projet de budget.

Ingingo ya 47.

Buli mwaka, umuyobozi wa Universite, amaze kubyumvikanaho n'umugengamali ashyikiliza inama ya Universite umushinga w'ingengo yayo.

..../.....

| | |
|---|---|
| Article 48. | Ingingo ya 48. |
| L'exercice budgétaire de l'Université court du premier août au 31 juillet de l'année suivante. Les opérations relatives à un exercice peuvent se poursuivre pendant l'année suivante. | Igihe cy'ingengo gitangira kw'italiki ya mbere Kanama kikarangira kw'italiki ya 31 Nyakanga. Ikoreshwa ly'amafaranga agenewe umwaka lishobora gukomeza mu mwaka ukulikiraho. |
| Article 49. | Ingingo ya 49. |
| Chaque année, les écritures comptables sont clôturées le 31 juillet. Le Recteur, en accord avec l'Administrateur-Trésorier: | Buli mwaka, inyandiko z'ikoreshamali zisozwa kuli 31 Nyakanga - Umuyobozi wa Universite amaze kubyumvikanaho n'umugengamali : |
| a/ dresse un inventaire, un bilan et un compte des profits et pertes; b/ transmet pour approbation au Conseil Universitaire avant le 31 décembre de l'année civile en cours, les comptes de l'année académique écoulée, ainsi que l'inventaire, le bilan et un rapport de gestion financière. | a/ arondora ibintu, akerekana ibyakozwe uwo mwaka kandi akagerenjura (akabarura) inyungu n'igihombo, b/ mbere y'italiki ya 31 Ukuboza, ashyikiliza inama ya Universite ubulyo imali yakoreshejwe mu mwaka w'amashuli urangiye akabagezaho irondoramutungo w'ibyakozwe uwo mwaka na raporo y'ikoreshwa ly'amafaranga. |
| Article 50. | Ingingo ya 51. |
| Dans les trois mois qui suivent l'ouverture de l'année académique, le Président du Conseil Universitaire transmet au Président de la République un rapport d'activités sur l'année écoulée. | Mu mezi atatu akulikira itangira ly'umwaka w'amashuli, umuyobozi w'Inama ya Universite ashyikiliza Prezida wa Repubulika raporo y'umulindi w'imilimo. |
| Titre VI. | Interuro ya VI. |
| DISPOSITIONS FINALES. | INGINGO ZISOZA. |
| Article 51. | Ingingo ya 51. |
| Le présent Décret-loi constitue le statut de l'Université. | Ili tegeko-teka ni lyo ligenga Universite, |
| Article 52. | Ingingo ya 52. |
| Toute disposition contraire au présent Décret-loi est abrogée. | Ilindi tegeko linyuranije n'ili tegeko-teka livanweho. |
| Article 53. | Ingingo ya 53. |
| Le Ministre ayant l'Enseignement Supérieur dans ses attributions est chargé de l'exécution du présent Décret-loi. | Ministri ushinzwe amashuli makuru ashinzwe irangiza ly'ili tegeko-teka. |
| Article 54. | Ingingo ya 54. |
| Le présent Décret-loi entre en vigueur à la date de sa signature. | Ili tegeko-teka ligomba gukulikizwa guhera kw'italiki lishyiliweho umukono. |

Kigali, le ..................

HABYARIMANA Juvénal,
Général-Major,

Le Ministre de l'Education Nationale,
Th. BAGARAGAZA.